

ISHURI RYA SEMINARI NTO YO KU NYUNDO RYIZIHIJE BAZINA MUTAGATIFU RYIRAGIJE



Tariki 15 Nzeri 2017, guhera i saa yine za mugitondo(10h00), nibwo Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA Umwepisikopi wa Diyosezi Gatolika ya NYUNDO, yatuye Igitambo cya Missa gihimbaza **Mutagatifu Piyo wa X** waragijwe Seminari nto ya NYUNDO. Kuri uwo muni kandi twababwira ko umwe mu barezi b'abaseminari Mlle Emilie Perret yakoze Yubile y'imyaka 75 y'amavuko na Batisimu; akaba kandi yaramaze imyaka 45 aba mu Iseminari yigisha akora n'indi mirimo muri Diyosezi.



Twababwira kandi ko Seminari nto ya Nyundo yashinzwe mu mwaka wa 1954 na Nyiricyubahiro Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI wabaye Umwepisikopi wa mbere wa Diyosezi ya Nyundo. Ikaba iherereye mu Karere ka RUBAVU Umurenge wa Nyundo, ku cyicaro cya Diyosezi Gatolika ya NYUNDO. Ubu ikaba yigamo Abaseminari bato bagera kuri 343; na 231 mu cyiciro rusange; na 112 muri Section Maths-Biologie-Chimie.

Twababwira ko iyi Seminari ifite umwihariko wo kugira Compagnie Musique yayo(Fanfare) ikoreshwa n'Abaseminari ubwabo.



Mu guhimbaza uwo munsu mukuru w'impurirane by'umwihariko ku baseminari n'abarezi babo, hari kandi Abasaseridoti baturutse hirya no hino, ndetse n'inshuti za Seminari, utaretse n'Ababyeyi b'abaseminari.

Ubutumwa Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA yageneye abari aho muri uwo munsu mukuru:



Basaserdoti, Baseminari bacu, Bavandimwe mwarerewe muri iyi Seminari yacu mu myaka yashize, Bakristu mwese mwaje kwifatanya natwe uyu munsi twizihizazaho Mutagatifu Pio wa X , umurinzi w'uru rugo; mbifurije mwese Umunsi mwiza.

Ku buryo bw'umwihariko ariko, ndashaka kwifuriza umunsi mwiza Emilie Perret dukikije uyu munsi, akaba yizihiza Yubile y'imyaka 75 y'amavuko. Emilie, twese abateraniye ahangaha tukwifurije umunsi mwiza, tukwifurije Yubile nziza.

Buri mwaka tugira umwanya wo guhimbaza Mutagatifu Pio wa X, umurinzi wa Seminari yacu, Mu ngengabihe ya Liturjiya, ubundi ni Umutagatifu twibuka ku itariki ya 21 z'ukwezi kwa 8. Ariko kubera ko muri ayo matariki akenshi abaseminari muba muri mu biruhuko, biba ngombwa ko uyu munsi ubuyobozi bwa Seminari buwimurira ku wundi munsi. Nibyo byabaye uyu munsi rero. Ariko nkuko nababwiraga mu kanya, muri uyu mwaka, tukaba duhimbaje Mutagatifu Pio wa X, twishimana na Emilie Perret wizihiza Yubile ye y'imyaka 75. Nakwibutsa ko muri iyo myaka ye 75, 45 ayimaze ari hano iwacu mu Rwanda. Koko rero Emilie yageze hano iwacu ku Nyundo muri 1972, aje ari umufasha butumwa. Abo tumenyereye kwita mu gifaransa les Auxiliaires de

l'Apostolat. Nkuko na none mubizi akaba yarakunze kuba umurezi hano muri iyi Seminari yacu, atanga amasomo ajyanye n'imibare n'Ubugenge(Pyisique). Abenshi muri hano mwanyuze imbere ye abigisha ayo masomo. Ariko rero ubwitange bwe ntibwahagarariye hano mw'iseminari gusa. Turamushimira n'indi mirimo yose yakoze mu muryango mugari w'Abafasha b'Ubutumwa, muri Lycee Notre Dame d'Afrique, muri JEC, mu Biro bishinzwe amashuri gatolika muri Diyosezi yacu n'ahandi. Uyu munsu rero turamushimira byimazeyo ibyo byose yakoreye Diyosezi yacu, haba hano mw'iseminari na hariya hose navuze. Yabaye umufasha butumwa koko nkuko iryo zina ribivuga. Tuzakomeza kumusabira kuri Nyagasani ngo akomeze intambwe ze.

Reka ngaruke gato ariko no kuri Mutagatifu Pio wa X, nibutsa bimwe mu byaranze ubuzima bwe. Ubusanzwe yitwaga Yozefu Sarto, naho izina rya Pio wa X yarifashe aho atorewe kuba Papa. Batubwira ko kubera ubukene ababyeyi be bari bafite, yize amashuri bitamworoheye. N'umwaka ushize narabibabwiye murabyibuka, ngo inkweto ababyeyi be bamuguriraga yakundaga kuzitwara ku rutugu atazambaye, yirinda ko zasaza vuba bigatuma arushya ababyeyi be abasaba kumugurira izindi. Arangije amashuri yakomeje kuzamuka neza mu nzego za Kiliziya, aba umusaserdoti mwiza, atorerwa kuba Umwepiskopi, ndetse bidatinze anatorerwa no kuba Umukardinali. Mu gihe yari umukardinali, bagenzi be bamubonagamo umugabo w'intwari, umugabo ufite ibitekerezo bihamye, ku buryo aho Papa Leon wa 13, wabaye igihangage n'ikirangirire apfiriye, bitagoye abakardinali kubona ko nta wundi wabasha gusimbura Leon wa 13, atari uwo Yozefu Sarto, ariwe waje kuba Pio wa X. Mu gihe cy'ubupapa bwe, yakomeje kurangwa n'ubutagatifu, kurengere amahame ya Kiliziya, kuvugurura amategeko ya Liturjiya no gukundisha abantu amasakramentu na Missa. Amateka atubwira ko ariwe watanze uburenganzira bw'uko abana nabo bagomba guhabwa umubiri wa Kristu. Kuva icyo gihe hatangira kubaho gahunda y'abana batsindira Ukaristiya ya mbere nkuko tubimenyereye. Mu by'ukuri kuba Kiliziya yaramugize umutagatifu twiyambaza ni ukwo yabaye umushumba mwiza wa Kiriziya. Umushumba twakwigiraho byinshi, Umurinzi wa Seminari yacu uduhakirwa kuri Nyagasani.

Ariko kandi nk'abaseminari murererwa ahangaha, akaba agomba nokubabera urugero mu mibereho yanyu ya buri munsu; mwihatira kubaho mu bwiyoroshye nkaWe, mwihatira kugira ishyamba ryo kwiga neza nk'uko naWe yabaye umunyeshuri ushishikariye umurimo. Mugomba kugira ubutwari nkubwe, bwa bundi twumvise bwamugejeje no kuba Papa.

Twavuga ko nkuko twabyumvise mw'isomo rya mbere ryo mu gitabo cy'Umuhanuzi Yeremiya, Nyagasani yamwitoreye ataravuka, amugira umuhanuzi w'amahanga. Nababwiraga ko dukwiye kwigana uyu murinzi w'uru rugo rwacu mu mibereho yacu ya buri muni. Imana yamutoye ni nayo natwe idutora, niyo iduha ubutumwa natwe. Ntitugomba kwitinya ngo tube twavugana nka Yeremiya tuti: rwose Nyagasani Mana sinashobora kuvuga. Twese ukwo turi ahangaha Nyagasani aradutuma, mu buryo bunyuranye akoresheje ubuzima yaduhaye. Iyo dukora imirimo yacu neza ukwo bikwiye, tugashimisha Imana n'abantu, tuba dutanga ubutumwa natwe. Natwe kuva duhawe Batisimu, Nyagasani yashyize amagambo ye mu kanwa kacu. Dukwiye rero kumubera abahamya nka Yeremiya, nka Pio X n'abandi benshi tuzi. Nkuko twabiririmbye muri Zaburi, Nyagasani ashaka kutuyobora mu nzira y'ubutungane, tujye tumukundira rero. Tujye duhora tumusaba, ariko tunaharanira ko ineza n'urukundo bya byazaduherekeza iminsi yose y'ubuzima bwacu. Duhanirire ubutungane kandi dufasha n'abandi guharanira ubutungane

Nkuko na Pawulo Mutagatifu yabidusabye mw'isomo rya kabiri, tugomba gushora imizi muri Kristu, tukaba ariwe twishingikiriza. Ubwenge bwose tuvoma mu byo twiga, ibyo dusoma, ubuhanga tugeraho ntibikatwibagize ko agakiza kacu kari muri Kristu.

Ni nabyo Yezu yabwiraga Petero twumvise mu Ivanjili, aho amubaza ubugira gatatu niba amukunda. Natwe uyu muni Yezu yatubaza ikibazo nk'icyo ngicyo, niba tumukunda kuruta ibindi byose. Nk'abakristu, nk'abemera, tugomba guhora tugaragaza ko ntacyaturutira kwibanira na Kristu, kuko ariwe gakiza kacu. Yezu yabazaga Petero kiriya kibazo, agirango abone aho ahera amuragiza intama ze. Nyamara si Petero gusa Yezu yaragije intama ze, nitwe twese abakurikiye Kristu. Nubwo muri Kiliziya, habamo abahabwa ubutumwa bwihariye bakitwa abashumba, nyamara buri mukristu agomba kuba umushumba wa mugenzi we. Iyo turangwa na rwa rukundo rutagira umupaka nk'uko Kristu yarudukunze, tuba tubaye natwe abashumba b'abavandimwe bacu. Uyu muni twibukaho Mutagatifu Pio wa X wabaye umushumba mwiza wa Kiliziya, tumusabe natwe aduhakirwe kuri Nyagasani kuba abashumba beza b'abavandimwe bacu buri wese mu byo ashinzwe. Tumusabe akomeze abere iyi Seminari yacu umurinzi mwiza, akomeze ayihakirwe nayo ikomeze irere neza abazaba abashumba beza ba Kiliziya y'ejo hazaza ndetse n'abazaba abayobozi beza b'Igihugu cyacu ejo hazaza.

Nyagasani Yezu nabane namwe.

Nyuma y'igitambo cya Missa twakomeje tugana ahateguriwe kubera ibirori. Uwo munsu mukuru Abaseminari n'abarezi babo bigaragara ko rwose bari bawiteguye buri wese ku rugero rwe.

Nyuma yo kwerekana abashyitsi, mu ijamba rye Laurent NGENDAHOYO Padiri Mukuru wa Seminari yakomeje:

Ndagirango muri akakanya mbabwire uburyo duhagaze ndetse n'umwihariko w'uru rugu rwacu « Seminari ».

Mu Ivanjiliya Luka Yezu aragira ati « **Imyaka yeze ni myinshi ariko abasaruzi ni bake. Nimusabe Nyirimyaka yohereze abasaruzi mu mirimaye.** » Turashimira Imana kuko mu kinyejana cya 16 nyuma y'inama Nkuru ya Kiliziya ya Trente hemejwe bidasubirwaho kandi hagashyigikirwa icyemezo cyo gushinga amaseminari aharererwa abifuzwa abapadri.

Diyosezi yacu ya Nyundo yinjiye muri uwo murongo kandi ishyigikira iyi Seminari yacu. Turashimira Nyiricyubahiro Mgr Aloys BIGIRUMWAMI washinze iyi Seminari akayiragiza Mt Piyo wa Cumi. Turashimira Abepiskopi uko bagiye basimburana ku ntebe y'ubushumba ku Nyundo. Turashimira kuburyo bw'umwihariko Umushumba wacu, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA kuko akomeje gutera ikirenge mu boyasimbuye mu kwita kuri iyi Seminari ayishakira ibyo ikeneye byose ngo irere neza abana babereye Kiliziya n'igihugu cyacu.

Nyiricyubahiro Musenyeri turabashimira uburyo mwita kuri ururugo kuburyo bw'umwihariko. Igihe Paruwasi ifite abapadri babiri cyangwa batatu, mwatwohereje hano nk'abarezi turi abapadri batanu, ndetse n'umufaratiri uri muri stage ushingwa discipline uko umwaka utashye. Nimubishimirwe.

Turashimira Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda. Turashimira Ministeri y'Uburezi idufasha muri byinshi inyuze kubuyobozi bw'uburezi mu Karere ka Rubavu, mu Murengwa Nyundo. Turashimira inshuti n'abavandimwe bakunda Seminari bakayiba hafi, bakayifasha muri byinshi. Muri abo turashimira Mlle Emilie PERRET witangiye Seminari akiri muto kuva mu mwaka 1972 akaturera atwigisha imibare n'ubugenge none ubu tukaba twishimira Yubile y'Imyaka 75 ya Batisimu n'amavuko.

Mlle Emilie PERRET yatubereye umurezi, atubera umufasha, inshuti, none kuri uyu munsu wa Yubile ye uwamuha irindi zina ntiyaba yibeshye. Mlle Emilie ubu **witwa** MAMA WA SEMINARI. Nabishimirwe.

Turashimira amashuri y'abaturanyi n'ayodufitanye umubanowihariye ubuvandimwe atugaragariza, mwakoze kuba mwitabiriye ibi birori.

Mwese twiyemeje kutazabatenguha. Tuzahora duharaniragufasha abana turera kwitegura kwakira Yezu Kristu neza. Abwira buri wese muri aba bana bacu ati « **Ngwino unkurikire.** » Yakumva iryo jwi agashobora gusubiza ati “Ngaha ndaje Nyagasani.”

Twasanze ntabundi buryo burenze ubu bwo guhora tugaruka kuntego yacu “**Scientia, Disciplina, Integritas.**” Ahari murumva ari ibintubihanitse. Ni uguha umwana uburere bunozze: ubwenge, ubumuntu, Roho. Guharanira kurera umwana akaba umuntu wemye akagira discipline. Muri icyo gahunda hari ibyo twagezeho twishimira n'ibyo tutarageraho duharanira kugeraho buri wese abigizemo uruhare.

Mu rwego rw'ubwenge n'ubuhanga: dufite icyiciro rusange n'ishamirya MCB (Maths, Chimie, Biology). Muri T.C. dufite abana 231 naho muri Section tukagira abana 112, bese hamwe dufite abana 343.

Imitsindire mu bizamini bya Leta: mu mwaka w'amashuri wa 2016, mu cyiciro rusange, abana bacu bese 68 batsinze ku buryo bushimishije. Bari 68: 65 muri bo babonye Grande distinction (div.I) , 3 babonye distinction (div.II).

Muri Section, bakoze ari 30, batsinze bese, atari pass gusa, ahubwo bese bafite bourses muri universites za Leta. Ndetse bane muri bo barujuje 73/73. Umwana wacu IRAGUHA Yves yabaye uwambere mu gihugu mu gutsinda neza muri Science. Abaseminari 8 muri bo basabye Umwepiskopi kwinjira mu Iseminari Nkuru kandi yarabemereye. Uyu munsu ni umwanya mwiza wo kubyishimira.

Turashimira ubufatanye n'ababyeyi batwunganira. Turizera ko bamwe muri bo batwoherereza abana maze bagaterera agati mu ryinyo bazikosora bakagaragaza uruhare rwabo batanga inkunga tubasaba ngo tugaburire abana, duhembe abakozi, turihe amazi n'umuriro n'ibindi.

Turifuza ko abana bacu baba bazima, bakirinda ibintu byose byangiza ubuzima n'imibanire yabo n'abandi.

Baseminari murererwa muri uru rugo nimwumva ijwi ry'Imana ribahamagarira kwitanga ngo mugeze ku bandi Inkuru Nziza, ntimwice amatwi. Ahubwo Mlle Emilie PERRET, twishimira uyu munsu nababere urugero. Yasize byose: ababyeyi, abavandimwe, igihugu cye, maze yitangira abanyarwanda, arera benshi none turamushima uyu munsu. Nabishimirwe.

Nyiricyubahiro Musenyeri Umushumba wa Diyosezi yacu ya Nyundo, Basaserdoti, Bihayimana, Bayobozi, Mlle Emilie PERRET, Babyeyi, Barezi, Bavandimwe, Nshuti, Baseminari, mwese mbashimiye uburyo twasangiye ibyishimo by'uyu muni mukuru. Mbifuriye gukomeza kugira umuni mwiza. Mutagatifu Piyo wa Cumi Umurinzi wacu akomeze adusabire.

Murakoze.

Nyuma y'uko ibirori bisusuruta abari bateraniye mu nzu mberabyombi ya Seminari Mademoiselle Emilie yahawe umwanya ngo atangaze ibyishimo bye. Yavuze ijamba rye mu rurimi rw'igifaransa, aribyo ngirango nshyireho uko ryakabaye :

Yateruye agira :



Je suis née le 23 Novembre 1942, j'ai été baptisée le 11 Décembre puis confirmée le 17 juin 1953.

L'Eglise de mon baptême est celle d'un petit village du Diocèse de Lyon, où comme dans d'autres villages voisins, tous les habitants étaient chrétiens. A cette époque, on y racontait le récit de ces gens qui quittaient pour toujours notre pays, pour l'annonce de l'Evangile en Afrique, en Asie, en Océanie, ... Je me souviens entre autre, d'une procession à travers le village des reliques du premier martyr d'Océanie Saint Pierre Chanel. La semence était jetée, elle allait germer. J'ai fréquenté l'école primaire de ce village.

A cette époque, on commençait à parler de laïcat missionnaire. C'est ainsi qu'un jour, j'avais alors 15 ans, quelqu'un est venu faire une conférence dans notre

paroisse, je ne me souviens pas de ce qu'il a dit, sauf une chose qui est restée gravée dans ma mémoire, à savoir "qu'on pouvait quitter son pays pour l'annonce de l'Évangile, tout en étant laïc, en s'engageant dans le domaine de la santé, de l'éducation, etc.. Qu'il n'était pas nécessaire d'être prêtre ou religieux ou religieuse". J'en ai alors conclu, que si un jour je quittais moi aussi mon pays, ce serait de cette manière.

A cette même époque de mon adolescence, outre l'éducation chrétienne reçue en famille et à l'école, j'étais engagée au niveau de la paroisse, dans le scoutisme et comme accompagnatrice dans l'action catholique de l'enfance, mouvements qui m'ont éduqué au sens de la responsabilité et de l'apostolat dans un milieu de vie. Puis, ce fut trois ans à Lyon pour préparer une licence de mathématique à l'Université Catholique.

Ma licence obtenue, la directrice de l'école secondaire où j'avais étudié m'a proposé de m'engager comme professeur de physique chimie ... Je l'ai fait pendant deux ans.

Après cela mon chemin s'est un peu diversifié, je résume : j'ai enseigné dans d'autres écoles secondaires à Saint-Étienne et à Lyon, et j'ai été assistante en Mathématiques à l'Université Catholique de Lyon. Entretemps, j'ai préparé une maîtrise en mathématique et j'ai commencé à suivre des cours de théologie, dans le cadre d'un processus prévu pour des laïcs. En 1967, ma mère mourut.

C'est également à cette époque, que j'ai été invitée par une amie à participer à une rencontre où quelqu'un expliquait la vocation d'auxiliaire de l'apostolat, une vocation pour une laïque qui reste dans son milieu de vie pour vivre l'Évangile et être témoin du Christ. J'ai su directement que c'était à cela que j'étais appelée et j'ai demandé à l'Evêque l'autorisation de vivre comme auxiliaire de l'Apostolat dans son diocèse. C'est alors que pour approfondir cet appel, il m'a été proposé de passer une année à Lourdes dans un Centre qui est au service des différents diocèses à travers le monde, pour la formation des auxiliaires de l'Apostolat. Et un détail qui a son importance : j'y ai fait la connaissance de Félicitas Niyitegeka.

Et puis 1972 est arrivé, j'avais 30 ans. Mgr Aloys Bigirumwami, qui fêtait ses 20 ans d'épiscopat, a effectué un voyage en Europe et s'est rendu à Lourdes. Il cherchait un professeur de mathématique pour son Petit Séminaire, il a lancé l'appel et l'appel m'a été transmis. On a arrangé pour moi une rencontre avec lui à Paris. Voici mon souvenir.

A la fin de la conversation, je lui ai dit : Mgr, pour moi, je pense que c'est possible mais je dois demander à l'Evêque de Lyon (En effet, à ce moment-là, celui-ci m'avait déjà appelée pour trois ans pour être auxiliaire de l'Apostolat dans son Diocèse). Mgr Bigirumwami est allé chercher dans sa sacoche et il en a retiré une photo. Cette photo représentait des Evêques en train de concélébrer, on pouvait reconnaître Mgr Bigirumwami et le Cardinal Renard, l'Evêque de Lyon. Mgr Bigirumwami m'a dit: *"Je te donne cette photo, lorsque j'ai concélébré avec ton Evêque, c'était le jour de la Pentecôte, c'est impossible*

qu'il refuse. S'il refuse, tu lui montreras la photo". Le cardinal Renard, que je pus rencontrer peu après, accepta.

Et bien, ce dont je peux témoigner, c'est que dès que j'ai eu annoncé mon départ (non sans quelques craintes et tremblements), toute la famille s'est mobilisée pour entourer mon père. Un de mes cousins, dont mon père avait été le tuteur, s'est totalement investi pour lui. Et lors de sa maladie et son hospitalisation jusqu'à sa mort en 1974, tous (membres de la famille, amis, connaissances) se relayaient pour lui rendre visite. J'ai alors compris ce que voulait dire : **"Chercher le Royaume et sa justice, tout le reste vous sera donné par surcroît"** (Mat 6,33) , **"Celui qui aura quitté un père, une mère, ... recevra le centuple ..."** (Mc 10, 29-30)

C'est ainsi que je suis arrivée au Rwanda et au Petit Séminaire le 5 Septembre 1972 et j'ai quelques jours après commencé à enseigner les mathématiques et un peu plus tard la physique.

De tout cela, je ne peux que rendre grâces. **"Le Seigneur a fait pour moi de grandes choses, Saint est son Nom"** (Lc 1,49).

En terminant,

Je voudrais évoquer pour les remercier tous ceux que Dieu a mis sur mon chemin, pour guider ma route, pour me conseiller, m'accompagner, m'aider, me soutenir, m'encourager.

Mes parents d'abord et tous les autres membres de famille, oncles, tantes, cousins, ils ont chacun à leur manière participer à ma mission et certains le font encore. Il y a les prêtres des paroisses où j'ai vécu, le curé de mon village, les aumôniers d'action catholique dont les conseils et enseignements m'ont marqué. Il y a les formateurs, prêtres et laïcs, de l'Université Catholique. De chacun d'eux, je garde le nom et le visage. Il y a un groupe d'amis qui me soutient. Ce groupe s'est constitué lorsque nous étions étudiants à l'Université Catholique et il tient toujours ... Il y a les religieuses qui m'ont éduqué à l'école primaire, puis à l'école secondaire et qui m'ont permis de faire des études supérieures. Et tout ce que j'ai reçu dans le cadre de la formation des auxiliaires de l'Apostolat est associé pour moi à quelqu'un qui m'a marqué (Evêques, prêtres, formatrices, amies, ...)

Et puis, au Rwanda et je ne peux tous les nommer, je voudrais remercier du fond du coeur, tous ceux qui m'ont accueillie et fait confiance, d'abord les Évêques de qui j'ai reçu mes différentes missions, (Mgr Bigirumwami, Mgr Vincent Nsengiyumva, Mgr Wenceslas Kalibushi, Mgr Alexis Habiyambere, notre Evêque actuel Mgr Anacleto Muvumba), les différents recteurs du Petit Séminaire, spécialement le Recteur actuel, l'Abbé Laurent Ngendahayo, les prêtres, les professeurs, les élèves, les ouvriers. Il y a les responsables nationaux de la JEC. Et particulièrement dans le cadre du service de l'Education Catholique, Mgr JMV Nsengumuremyi, vicaire Général et Responsable de ce

service, ... et vous tous ici présents qui êtes venus m'entourer pour ce jubilé de 75 ans au service du Seigneur et de l'Eglise (dont 45 dans l'Eglise de Nyundo) pour partager mon action de grâces pour tous les bienfaits reçus du Seigneur.

Et maintenant je vous demande pardon, pour toutes mes fautes et manquements.

"Mais si nous sommes infidèles, Dieu lui reste fidèle" (2 Tim 2,13).

Je ne sais pas combien d'années, le Seigneur va encore m'accorder, mais je sais que lorsque l'âge avance les limites et les faiblesses augmentent aussi. Mais, comme l'expérience me l'a montré, je sais que la main de Dieu qui m'a toujours guidée et soutenue, restera près de moi et je compte aussi sur votre indulgence.

Merci !

Mu gusozza ibirori, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, yashimiye abateguye uko umunsi wagenze, ashimira abarimu n'abaseminari, ndetse ashimira n'ababyeyi bafite abana barererwa mu Iseminari nto ya Nyundo. Yakomeje ashimira Mlle Emilie Perret ubwitange butizigama bwamuranze akunda uburezi, akorera Diyosezi yacu ku buryo bunyuranye. Yakomeje amubwira ko Imana ariyo izamugororera birenze ; ariko, arongera ati natwe tuguhaye Inka. Ibe ikimenyetso cy'ishimwe gitoya, kuko ubundi uzashimwa n'Imana ku bw'imirimo wakoreye Kiliziya yayo. Yashoje abwira abaseminari n'Abarezi babo gukomeza kuba kwisonga batsinda mu bizamini bya Leta, ari nako barushaho kunogera Imana n'abantu. Yababwiye kandi ko Kiliziya ibarera kugirango bazigirire akamaro bo ubwabo n'imiryango yabo ndetse n'Igihugu cyacu. Yashoje ashimira abaje mu munsi mukuru, nuko abaha Umugisha.



